# ITANGWA RY'ISAKARAMENTU RY'UBUSASERIDOTI MURI PARUWASI YA BIRAMBO

Tariki 16/07/2016, kuri Paruwasi ya Birambo habereye ibirori by'itangwa ry'Isakaramentu ry'Ubusaseridoti mu rwego rw'Ubudiyakoni n'Ubupadiri. Ni muri urwo rwego, abafaratiri bane nahawe Ubudiyakoni naho abadiyakoni batatu bagahabwa Ubupadiri.

Abo bafaratiri bahawe ubudiyakoni ni: Pascal HABINSHUTI; Benjamin KAMANZI; J.M KWIZERA na Théogene HAKIZIMANA. Naho abadiyakoni bahawe Ubupadiri ni Michel HABUHAZI; Evariste UWINTWARI na Vincent HABIYAREMYE.

Mu magambo yahavugiwe, uhagarariye abalayiki muri paruwasi ya Birambo Aragaragaza ko ari ubuntu n'impuhwe Imana yabagiriye kuba mu Birambo ariho habereye ibi birori. Arashimira Umwepiskopi watangiye Isakaramentu ry'Ubusaseridoti bwa mbere nyuma y'aho aherewe Inkoni y'Ubushumba akaritangira mu Birambo; bityo abakristu b'iyo paruwasi bakaba bishimiye ko imfura z'umwepiskopi ari abana babo.

arashimira abapadiri bahakorera ubutumwa ko babereye abongabo intangarugero. Arashishikariza ingo gukomeza kurera neza kugira ngo haboneke izindi ntore kuko imirima yeze ari myinshi ariko abasaruzi bakaba bake. Yasoje aha impano y'inka kuri buri wese wahawe Ubupadiri.

Uhagarariye abahawe Ubupadiri Padiri Michel HABUHAZI aragaragaza uko Uhoraho yabakoreye ibitangaza n'ubwo batari babikwiye. Arashimira Kiliziya ihagarariwe n'Umwepiskopi wemeye ko umugambi w'Imana ubuzurizwamo. Barashimira ababyeyi babibarutse, abarezi babigishije n'abandi bapadiri bababanjirije bakababera urugero. Aragaragaza ko Padiri ahora avuga ati" ndi hano ntuma, icyo nshaka ni impuhwe si igitambo". Barasaba inkunga y'isengesho kugira ngo bazabe intumwa zamamaza Impuhwe z'Imana. Barasezeranya abantu ko bazatanga umusanzu wabo mu kubaka Kiliziya.

Nyakubahwa senateri uhagarariye inzego bwite za Leta, arashima uburyo ibyiza byagejejwe ku banyabirambo. Arasaba guha agaciro ubufatanye bwa Leta na Kiliziya kugira ngo dukomeze kugira abanyarwanda beza kuko roho nziza igomba gutura mu mubiri muzima. Yijeje abatowe ubufatanye kuko bafite inshingano zo komora imitima y'abanyarwanda. Ubwo bufatanye ni intwaro ikomeye buzatuma tubaho mu rukundo kugira ngo twubake ubumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda.

Arabasaba gushishikariza abaturage kumvira inzego za Leta kugira ngo ribe ipfundo ryo kugira igihugu cyiza.

Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo Yavuze ko ari umunsi w'ibyishimo. Turashimira Imana yemeye gutora aba bapadiri n'abadiyakoni twungutse uyu munsi. Arashimira ababyeyi babatoje inzira y'ubukristu bakiri abana kandi bagakomeza kubafasha mu burere bwiza. Arashimira abarezi babafashije muri uru rugendo rurerure bashoje. Arashimira abapadiri bakorera ubutumwa muri paruwasi ya Birambo na Nyange babafashije cyane.

Arashimira Musenyeri Alexis HABIYAMBERE wakiriye izi ntore agakomeza kubafasha mu rugendo rwabo. Arashimira abayobozo b'inzego bwite za Leta, inzego za Polisi n'iza Gisirikari baje kwifatanya. Arabashimira ubufatanye bwiza na diyosezi. Arashimira abakristu ba paruwasi ya Birambo bateguye ibi birori akanabashimira impano bahaye abatowe. Arasaba abapadiri bashya kuzagendera ku nama za bakuru babo aranabasaba kandi ko isi itazabahindura kuko isaro ryabo ry'Ubusaseridoti baribonye kandi ko ntawazaribaka.

***Padiri Emmanuel BAMPORINEZA***